



Amakuru agenewe imiryango yonsa

Gucutsa umwana wawe wonka

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima n'Urugaga rw'abaganga b'indwara z'abana bisaba ababyeyi konsa abana nta kindi babagaburira mu gihe cy'amezi atandatu. Icyo gihe, ushobora gutangira kongeraho ibyo kurya bikomeye, ukanakomeza konsa; amashereka agomba kuba ari ryo funguro nyamukuru mu gihe cy'umwaka wa mbere w'ubuzima. Komeza kumwonsa kugeza agize imyaka 2 y'amavuko cyangwa ayirengeje, bitewe n'uko wowe n'umwana wawe mubishaka.

Gucuka bishobora koroha cyangwa kugorana. Icyo mbere, ugomba kumenya ko ari byo ushaka. Iyo bimaze kugenda neza, umaze kubikunda, rimwe na rimwe biragorana kubireka ngo ukomeze ku kindi cyiciro.

Bitekerezeho neza, numara kubyemeza, uhe umwana wawe ubutumwa bwumvikana.

Gucuka bitewe n'umubyeyi

Gucuka bitewe n'umubyeyi bisobanuye ko uba ufashe umwanzuro w'igihe gikwiye. Genda ugabanya inshuro wonsa (cyangwa inshuro wikama) mu cyumweru maze ubisimbuze imfashabere cyangwa ibyo kurya bikomeye. Niba wonsa inshuro 8 buri muni, ubwo byagusaba ibyumweru 8 kugira ngo umucutse burundu.

Ubu ni uburyo bwiza bwo kugira ngo umwana wawe ahindurirwe ubundi buryo bwo kurya kandi nawe ugabanye amashereka umuha.

Ababyeyi bamwe bakunda konsa igihe kimwe kirekire, nko konsa baryamye.

Ushobora kongera icyo gihe mu gihe bibaye ngombwa ugenda ureka inshuro yo konsa imwe buri minsi 2-3. Iyo amabere yawe yongeye kubyimba, wifashisha barafu kugira ngo umere neza.

Wibuke ko ugomba guhagatira umwana wawe kugira ngo umufashe kumenyera impinduka.

Gucuka bitewe n'umwana

Gucuka bitewe n'umwana bisobanuye ko umwana yikura ku ibere akirira ibikomeye ari we ubyibwirije.

Ibi bishobora gutangira agenda yongera ibyo kurya bikomeye maze agashaka kumenyera n'uko ibindi bitera.

Gucuka bitewe n'umwana bigenda biza gake gake uko amezi agenda atambuka. Kurikiza uko umwana abishaka!

Icy'ingenzi wazirikana kuri ubu buryo: Ntugire iryo umuha; ntunamwangire ko yonka.

Ba uretse gucutsa umwana mu gihe:

Umwana cyangwa umubyeyi barwaye cyangwa bari mu bitaro.

Umuryango wagize urugendo, mu bihe by'ibiruhuko cyangwa ibindi bihe by'umuhangayiko udasanzwe.

Umwana ari kumera amenyo.

Umubyeyi yarwaye ifumbi y'ibere.

Umwana akura avumbuka.

Ushobora kumva ugize agahinda no kumva uhombye mu gihe umwana ari gucuka. Ibi hari ubwo biterwa n'impinduka ziba mu mibanire n'umwana wawe, ubundi bigaterwa n'impinduka z'imisemburo iterwa no konsa. Genzura amabere yawe ko atabyimba cyangwa akazamo udaturugunyu. Masa gahoro amabere yawe mu gihe uri konsa kugeza igihe bishiriyemo. Ushobora gukoresha amaboko cyangwa ipombo yo kwikama igihe cyose wumva amabere yuzuye kandi ushaka kuruhuka. Niwumva ugize umuriro cyangwa ukabona ahantu hahinduye ibara, cyangwa habyimbye ariko ntibishire, gana umuganga wawe. Soje n'umwenya byagufasha kugabanya amashereka. Ushobora no gukoresha barafu cyangwa ibibabi by'amashu ku mabere yawe inshuro nyinshi ku muni.

Aya makuru agamije gutanga inyigisho rusange n'amakuru gusa. Ntagamije gusimbura cyangwa kuba inama za muganga wabigize umwuga. Ugomba guhora usaba inama uguha serivisi z'ubuvuzi mu gihe ufite ibibazo ushaka kubaza byerekeranye n'ubuzima bwawe n'ubw'umwana wawe. Ntukirengagize inama za muganga wabigize umwuga cyangwa ngo ukorerwe kuzimusaba kubera ikintu wakuye muri aya makuru. Wakora kopi nyinshi ugendeye ku ruhushya rwa CC BY-ND. Aho wakura inyigisho zo konsa 2023.